SNJG Téléphone et Fax 586648

B.P. 1874 Kigali
e-mail : gacaca@rwandatel1.rwanda1.com
www.inkiko-gacaca.gov.rw

REPUBULIKA Y'U RWANDA

URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE
INKIKO GACACA
B.P.1874 KIGALI

ITANGAZO RIGENEWE INYANGAMUGAYO Z'INKIKO GACACA

Hagamijwe gutanga ibisobanuro birambuye ku Itegeko Ngenga N° 10/2007 ryo kuwa 01 Werurwe 2007 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga N° 16/2004 ryo kuwa 19 Kamena 2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko Gacaca;

Hagamijwe kandi gutanga ibisobanuro ku mabwiriza N° 11, 12, 13 na 14 y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca;

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca ruramenyesha inyangamugayo z'inkiko Gacaca ko zizagirana inama n'intumwa zarwo ku biro bya buri Murenge ku matariki akurikira:

1. Kuwa 23/04/2007 inama zizabera ku Mirenge yose igize Akarere ka Burera. Zizabera kandi mu Mirenge imwe igize karere ka Gicumbi ariyo: Bukure, Bwisige, Byumba, Cyumba, Giti, Kageyo, Kaniga na Manyagiro.

2. kuwa 24/04/2007 Imirenge izasurwa ni Miyove, Mukarange, Muko, Mutete, Nyamiyaga, Nyankenke, Rubaya, Rukomo, Rushaki, Rutare, Ruvune, Rwamiko na Shangasha yo mu Karere ka Gicumbi, hamwe n'Imirenge ya Base, Burega, Bushoki, Buyoga, Cyinzuzi, Cyungo, Kinihira, Kisaro, Masoro, Mbogo, Murambi na Ngoma yo mu Karere ka Rulindo.

3. kuwa 25/04/2007 hazasurwa Imirenge ya Ntarabana, Rukozo, Rusiga, Shyorongi na Tumba y'Akarere ka Rulindo, hamwe n'Imirenge yose igize Akarere ka Gakenke ndetse n'Umurenge wa Gashaki wo mu Karere ka Musanze.

PDF Creator - PDF4Free v2.0 http://www.pdf4free.com

4. kuwa 26/04/2007 hazasurwa Imirenge ya Busogo, Cyuve, Gacaca, Gataraga, Kimonyi, Kinigi, Muhoza, Muko, Musanze, Nkotsi, Nyange, Remera, Rwaza na Shingiro yo mu Karere ka Musanze, hamwe n'Imirenge ya Matimba, Nyagatare, Musheli, Katabagemu, Kiyombe, Tabagwe, Karama, Rukomo, Gatunda, Mukama na Mimuli yo mu Karere ka Nyagatare.

5. kuwa 27/04/2007 hazasurwa Umurenge wa Rwempasha wo mu Karere ka Nyagatare, Imirenge yose igize Akarere ka Gatsibo, hamwe n'Imirenge ya Murundi, Rukara, Gahini, Mwiri, Mukarange, Nyamirama, Kabarondo, Ruramira, Rwinkwavu na Ndego yo mu Karere ka Kayonza.

Gahunda y'indi Mirenge izabamenyeshwa mu itangazo rizakurikira. Abayobozi b'Imirenge imaze kuvugwa muri iri Tangazo basabwe utumira Inyangamugayo zose zo mu Mirenge bayobora muri izi nama.

Kubera uburemere bw'izo nama ntihazagire ubura cyangwa ngo akererwe.

Bikorewe i Kigali, kuwa 18/04/2007

MUKANTAGANZWA Domitilla

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko
Gacaca

(Sé)

PDF Creator - PDF4Free v2.0 http://www.pdf4free.com